



Ubuhinzi mu Rwanda: Imbata y' isomo Gusarura Kawa.

IGIHE ISOMO RIMARA: Isaha 1 n' iminota 15

ABAHUGURWA: Abahinzi

UHUGURA: Umuntu uhugura abahinzi

AHO ISOMO RITANGIRWA: Mu murima

INTEGO:


- **Intego ya 1:** Abahinzi bazamenya ko gusarura ikawa yeze neza bituma haboneka ikawa nziza.
- **Intego ya 2:** Abahinzi bazamenya igihe gusarura bikorerwa hamwe n' ibikoresho bikoreshwa.
- **Intego ya 3:** Abahinzi bazamenye uko gusarura no gufata umusaruro bigira ingaruka ku bwiza bya kwawa.
- **Intego ya 4:** Abahinzi bazagirira isuku igihingwa mbere na nyuma yo gusarura.
- **Intego ya 5:** Abahinzi bazashobora kwerekana uko gusarura bikorwa ku buryo bunoze

IBIKORESHO:

- Abahinzi bagomba kuzana ibikoresho byifashishwa mu gusarura (Urugero: igikoresho umuntu ashobora gushyira ku ijosi ku mugozi cyangwa indobo yo gusaruriramo ikawa, umufuka cyangwa amahema ya parasitike yo gushyira muni y'igiti)
- Imineke ihiye n' idahiye
- Ifoto ifunitse neza ku buryo idashobora kwangirika iriho ibyiciro bitandukanye by' ukuntu ikawa igenda ihisha
- Ibitumbwe byuzuye mu ntoki inshuro 5 cyangwa 6 by' imvange bigomba gutoranywa



IGIHE	IBIRIMO
Iminota 15	<p>Gutangira: Kwibwirina:</p> <ul style="list-style-type: none">▪ UHUGURA▪ Abitabiriye▪ Abashyitsi <p>ICAMAKE Z'INTENGO</p> <ul style="list-style-type: none">▪ Uku kwezi turiga uko basarura ikawa▪ Turiga uko gusarura ikawa yeze neza bituma haboneka ikawa nziza, igihe gusarura bikorwa n'ibikoresho bikoreshwa, kugirira isuku igihingwa mbera na nyuma yo gusarura, turaza no kwerekana uko gusarura bikorwa. <div style="border: 1px solid black; padding: 5px;"><p>IGIKORWA: Agakino gahwiture Hitamo agakino kaberanye n'abitabiriye amahugurwa</p></div>
Iminota 10	<p>INTEGO YA 1: Abahinzi bazamenya ko gusarura ikawa yeze neza bituma haboneka ikawa nziza.</p> <div style="border: 1px solid black; padding: 5px;"><p>UMWITOZO: IGITOKI</p><ol style="list-style-type: none">a) Toranya abahinzi 2.b) Ha umuhinzi 1 IGITOKI cy'umuhondo gihishije; ha undi igitoki cy'icyatsi kidahishije.c) Saba abahinzi gutonora ibitoki.d) Baza abahinzi kuvuga uko byari byoroshye gutonora ibitoki?e) Saba abahinzi kwumva uburyohe bw'ibitoki.f) Baza abahinzi kuvuga igitoki gihumura neza kurusha ikindi?g) SOBANURA ko ibitoki bimeze nk'ikawa: ibitumbwe bihishije, byoroshye gutonora cyangwa guhera kandi bivamo ikawa iryoshye cyane.</div> <p>IBANDE KURI IBI: Ibitumbwe bihishije byoroha gutunganya kandi bituma ikawa igira impumuro nziza, iryoshye cyane, kandi ikagurwa amafaranga menshi.</p> <p>EREKANA: Ifoto igaragaza intera zinyuranye z'uguhisha kw'ibitumbwe.</p>



BAZA: Ni ku yihe ntera wagombye gusarura ibitumbwe?

IGISUBIZO: Itukura, Ihishije

**Iminota
10**

INTEGO YA 2: Abahinzi bazamenya igihe gusarura bikorerwa hamwe n' ibikoresho bikoreshwa /

Icyitonderwa ku uhugura: Kusanya ibisubizo by'abahugurwa hanyuma usuzume ibisubizo.

BAZA: Ni ryari wagombye gusarura?

IGISUBIZO:

- Sarura nyuma ya buri minsi 7-14, bitewe n'uko ikirere cyifashe. Niba usarura inshuro nyinshi zikurikiranye ibitumbwe ntibizahisha. Niba udasarura inshuro nyinshi zikurikiranye ibitumbwe bizahisha cyane.
- Tangira kare mu gitondo kugira ngo urare uzijyanye ku ruganda.
- Ikawa igomba guherwa mu gihe kitarenze amasaha 8 nyuma y'uko isarurwa.

BAZA: Ni ibihe bikoresho bigomba gukoreshwa kugira ngo usarure neza?

IGISUBIZO:

- Koresha igikoresho wazirika mu ijosi
- Shyira ihema cyangwa umufuka mu nsi y'igiti kugira ngo hagweho ibitubwe, naho ubundi byabura.

UMWITOZO: Gutoranya ibitumbwe

- Gabanya abahinzi mo amatsinda 5.
- HA buri tsinda ibitumbwe bivanze byuzuye mu kiganza.
- SABA buri tsinda gutoranya ibitumbwe bitukura kandi bihishije.
- SUBIZA unabaganirize ku byo wabonye.



BAZA: Murumva byakworoha gusarura gusa ibitumbwe bitukura, bihishije neza?

IGISUBIZO:

- Yego. Ibi bigabanya gutora ibitumbwe bidahishije cyangwa bihiye cyane bityo umuntu akamara igihe gito atoranya.
- Ibyuma bitonora ikawa bikunda kujugunya ibitumbwe bidahishije cyangwa bikabije guhisha cyane.

**Iminota
10**

INTEGO 3: Abahinzi bazamenye uko gusarura no gufata umusaruro bigira ingaruka ku bwiza bya kwawa.

SOBANURA:

- Igicro ikawa ihabwa ku isoko biterwa n'ibwiza ifite.
- Intambwe y'ambere ni ukongera ubwiza bwayo ,binyuze mu mikorere myiza nkuko twarimo tubyiga
- Intambwe ikurikiyeho mu kubugabunga ubwiza n'uburyo usarura nuko ufata ikawa.

Icyitondorwa kuhugura abahinzi: Baza abitabiriye amahugurwa ibi bikwirikira, kandi usubiremo ibisubizo.

Baza : kubera iki mwunva ko gusarura ikawa itarera niya regeje igihe bigabanya ubwiza bw'ikawa

Igisubizo :

- Ibitumbwe bidahishije biba bifite umushari umeze (ki Inanasi idahiye) kandi nanone ibitumbwe byaregeje igihe bigira impumuro mbi kiyi ibishishwa by'ikawa byaboze.
- Ibitumbwe biteze bigira umurenda mucye kandi bikunda gusaduka igihe bari guhera, bizana n'uruhumbu gutyo bikazana impumuro mbi



- Ibitumbwe biteze bipima ibiro bicye , biba bifite ubuhehere bucye , bityo uba uhomba kuko akenshi mwishyurwa ku kilo.

Baza : kubera iki utecyereza ko Atari byiza gusarurira ku butaka gusa, shyira ikawa mu gicucu, kandi uyigemure ku ruganda mu masaha 8 umaze kuyisarura.

- Itaka rigira udukoko dushobora gutuma ikawa itakaza uburyohe.
- Gushyira ikawa ku zuba bituma ikawa itakaza umurenda bityo uburyohe bukagabanyuka.
- Kugumana ikawa igihe kirekire umaze gusarura, birenze amasaha 8 , nabyo bituma ikawa itakaza umurenda kandi bikagabanya uburyohe.

Baza: Mwari mwunva umunuko w'ibitumbwe byaboze ku ruganda? Wifuza ko uwo munuko wakuvikana mu gikombe cy' ikawa.

MUBIGANIREHO:

INTEGO YA 4: Abahinzi bazagirira isuku igihingwa mbere na nyuma yo gusarura .

SOBANURA: Gukuramo ibitumbwe bishaje ni “ ugusukura igihingwa cya kawa” kandi bivuga kvanamo ibitumbwe birwaye cyangwa byangiritse mbere na nyuma yo gusarura.

BAZA: Kuki isuku y'igihingwa ifite akamaro?

IGISUBIZO:

- Bifasha kugabanya ikigero cy'udukoko n'indwara cyane cyane imungu y'ibitumbwe n'izindi ndwara z'ibitumbwe
- Bifasha mu kongera ubwiza bwa kawa.

BAZA: Ni ryari wagombye gusukura igihingwa?


IGISUBIZO:

- Gusukura ibihingwa byagombye gukorwa buri mpera z'igihe cy'isarura.
- Niba ibi bitari byarakozwe cyangwa bitarakozwe neza, wagombye kvanamo ibitumbwe byangiritse cyangwa zishaje igihe cy'isarura kigitangira, aricyo ubu.

**Iminota
10**

UMWITOZO: Isuku y'Ibihingwa

- a) TORANYA igiti mu murima werekanirwamo ibijyanye n'amahugurwa.
- b) EREKANA uko bakuramo ibitumbwe byabaye umukara cyangwa byangiritse hanyuma ubikusanyirize hamwe. Gira umuhinzi inama yo kubitwika cyangwa kubitaba mu butaka.
- c) HA buri muhinzi igiti 1 cyangwa 2 mu murima akore uwo mwitotozo w' uko bakora isuku y'igihingwa.
- d) SABA abahinzi gukuramo ikawa yose yashaje, yirabuye kandi yangiritse bayishyire ahantu hamwe. (Saba nyiri umurima kuzayitwika cyangwa kuzayitaba mu butaka)
- e) SURA buri muhinzi hanyuma utange ibisobanuro mu gihe akora umwitotozo.
- f) HURIZA abahinzi hamwe barangije umwitotozo maze muganire imikorere myiza cyangwa mibi wabonye.
- g) Koresha akabaho k'ibitumbwe urebe ijanisha ryo guhishira ku ibitumbwe basaruriyeho niba kigwa muri 90%
- h) Koresha agapima isukari umenye igipimo cy'isukari ibitumbwe bifite



IKIBAZO GIFASHA MU GUSUBIRAMO:

Ni ukubera iki ari ngombwa kugirira isuku igihingwa mbere na nyuma yo gusarura ?



Iminota
10

INTEGO YA 5: Abahinzi bashobora kwerekana uko basarura mu buryo bwiza.

Subiramo uko basarura neza:

- Shyira ihema mu nsi y'igiti cy'ikawa kugira ngo hagweho ibitumbwe bimanuka.
- Koresha igikoresho wazirika mu ijosi. Ibi bituma isarura ryihuta
- Tangirira mu giti hagati hanyuma usohokemo.
- Ukoresheje amaboko yombi sarura ibitumbwe bihishije gusa
- Genzura buri giti, mbere y'uko ukomeza, ureba niba ibitumbwe bihishije byose byasaruwe.
- Buri gihe ugomba gutwara ibitumbwe mu mifuka isukuye kandi ntukigere urambika ikintu kiremereye ku mufuka wuzuye.

UMWITOZO: Gusarura Ibitumbwe Bihishije

- a) TORANYA igiti mu murima werekanirwamo ibijyanye n'amahugurwa.
- b) EREKANA uko basarura neza bagendeye ku bice bikurikira:
 - a. Shyira ihema mu nsi y'igiti ku buryo riza kugwaho ibitumbwe bimanuka
 - b. Zirika igikoresho mu ijosi.
 - c. Tangirira mu giti hagati hanyuma usohokemo.
 - d. Koresha amaboko yombi usarura ibitumbwe by'umutuku ucyeeye gusa
 - e. Sarura ibitumbwe byose bihishije
 - f. Genzura igiti, ureba niba buri gitumbwe gihishije cyose cyasaruwe.
 - g. Yora ibitumbwe biri ku ihema
- c) HA buri muhinzi igiti 1 mu murima shuli yitorezaho igikorwa cy'isarura.
- d) SURA buri muhinzi kandi umuhe ibisobanuro mu gihe umwitozo ukomeza.
- e) HURIZA abahinzi hamwe nyuma y'uko barangije. BAGANIRIZE ku cyo baba babonye kinyuranye n'uburyo basanzwe bakoresha. Hari imbogamizi baba bahuye nazo.

SOBANURA:

- Igihe ibitumbwe bijyanwe ku cyuma gihera ikawa, irapimwa hanyuma umuhinzi akishyurwa. Andika ibiro by'ibitumbwe byasaruwe n'amafaranga wishyuwe mu Gitabo Cyandikwamo Amakuru ku muhinzi.
- Niba uhawe inyemezabuguzi, yibike nk'imwe mu nyandiko ugomba kubika.



Iminota 5

GUSOZA:

- **Subiramo Iby'ingenzi Byizwe**

Umwitozo; Isuzumabumenyi:

Baza abari mu mahugurwa ibibazo bikurikira ugenzura ubumenyi hanyuma uberekere:

- Ni ubuhe bwoko bw'ibitumbwe basarura bukavamo ikawa nziza?
- Kuki gusukura ibihingwa bifite akamaro?
- Ni ryari wagombye gusarura ibitumbwe?

Shimira abahinzi ; Hita ukomereza mu isomo ry'imicungire y'amakooperative